
# INZUKI N'INDABYO

## Amashuri y'inshuke



NDAHAYO Ferdinand

Perdua Publishers

# INZUKI N'INDABYO

## Amashuri y'inshuke




Cyanditswe na:
NDAHAYO Ferdinand

Cyashushanyijwe na:
BYIRINGIRO Bahizi Max

Perdua Publishers

PO Box 3405 Kigali

Email: info@perduap.com

Website: www.perduap.com

© Perdua Publishers 2021

Cyatangajwe bwa mbere mu mwaka wa 2021

Abantu bose bahawe uburenganzira bukurikira kuri iki gitabo: kugisoma yaba mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa ku mpapuro, kugikura kuri murandasi, kugifotoza cyangwa kugicapisha mu mpapuro, kugihererekanya yaba ku mpapuro cyangwa ku mbuga z'ikoranabuhanga (iziriho cyangwa izizavumburwa nyuma) no kugihindura mu ndimi izo ari zo zose. Abagikoresha ntibemerewe kugicuruza cyangwa kukibyazamo amafaranga mu buryo ubwo ari bwo bwose, batabiherewe uburenganzira mu nyandiko n'abagitangaje.



Kwa Macibiri bari bafite umurima munini, bahingagamo ibishyimbo, amashaza n'ibihwagari.



Umunsi umwe, Macibiri yahuriyemo n'inzuki.



Inzuki ziti: “Nudushakira aho tuba, natwe tuzaguha ubuki.”



Macibiri asaba ababyeyi be kuboha imizinga y'inzuki.



Imizinga imaze kuzura, za nzuki ziyitahamo. Zimererwa neza maze zikajya ziha Macibiri ubuki bwinshi.



Bukeye Macibiri abaza inzuki ati: “Ubu buki mubukura he?”



Inzuki ziti: “Ku mushongi uva mu ndabyo z’ibihingwa byo mu murima wanyu, tuvanga n’ibindi bintu dukura hirya no hino.”



Macibiri arazibaza ati: “Ko mufata umushongi w’indabyo mwe muzimarira iki?”



Inzuki ziramusubiza ziti: “Izo ndabyo ziduha umushongi dukoramo ubuki, natwe tukazikwizamo umurama utuma zera zigatanga umusaruro.”



Macibiri ati: “Ibyo simbyemeye. Ntimuzasubire mu ndabyo z’ibihingwa byacu.”



Nuko inzuki ntizasubira mu ndabyo zo kwa Macibiri.



Kuva ubwo, ubuki ntibwongera kuboneka.



Za ndabyo zirarwara, zihungukira hasi, ibihingwa ntibyongera gutanga umusaruro.



Ibishyimbo, amashaza n'ibihwagari ntibyongera kwera. Macibiri n'ababyeyi be batangira kwibaza aho bazakura ibibatunga.




Macibiri yibuka ibyo inzuki zamubwiye, nuko ajya kuzishaka. Azisaba kongera gutara ubuki mu ndabyo z’ibihingwa byabo.



Inzuki zisubira mu ndabyo z'ibihingwa, ubuki burongera buraboneka, n'imyaka irera.


*Inkuru za Perdua Publishers zigenewe gukundisha abana gusoma Ikinyarwanda. Bashobora kuzisomera cyangwa se kuzisomerwa n'ababyeyi n'abarezi igihe bataramenya gusoma ubwabo.*










**Perdua Publishers**

Cyatunganijwe kinacapwa na Perdua Publishers
P.O. Box 3405 Kigali, Rwanda